# CHUB

## Pain Clinic

# Sobanukirwa neza indwara yo kubabara ijosi

Ibitaro bikuru bya Kaminuza bya Butare CHUB, byatangije Service yo **KUVURA UBUBABARE buhoraho** Chronic Pain cg Douleur Chronique.

**Urasabwa ibikurikira:**

- Ubwishingizi
- Guhamagara ukaza kuri randevu (rendez-vous) wahawe
- Kuhagerera isaha wahawe
- Kuhagera uvuga aho uje kwivuza bikakurinda gutegereza ku murongo
- Kuza witwaje amafaranga

2000 rwf niba ufite mutueli isanzwe
Cg 5000 rwf
Ku bafite ubundi bwishingizi adasubizwa.



**Abantu batari bake bagira ububabare buhoraho bw'ijosi kandi rimwe na rimwe ntibamenye ikibitera n'uko babyivuza.**

**Reka turebere hamwe uko urwaye:**

Iyi ndwara ikunda gufata umuntu mu gitondo abyutse ariko akenshi bikagera aho bigashira kuko usanga byatewe n'uko yaryamye. Ariko biranashoboka ko wayirwara bitavuze ko waryamye nabi cyangwa utabyutse kandi ikaba indwara ikumazeho igihe kirenze nk'amezi atatu.

Waba se waragize impanuka? Waba se ukora imirimo yo kwikorera imitwaro ku ijosi? Waba se uryama ku musego ukomeye kandi munini? Ese ntiwubika cyane uri kuri Telefoni? Ese mu kazi kawe gasanzwe ntukunda kubika umutwe cyane? Waba ukuze se hejuru y'imyaka 60? Waba se warabazwe mu ijosi cg hafi yaryo? Hari indwara se y'amagufa waba wararwaye? Haba hari ikindi utekereza se cyaba cyarabiteye?

Hari igihe ijosi rikurya ububabare bugakomereza mu mutwe w'inyuma ukumva imitsi yareze rimwe na rimwe bigakomeza n'imbere umutwe wose ukakuremerera.

Ujya se wumva ibinya mu ntoki cg mu maboko? Waba se wumva amaboko agenda atakaza imbaraga kuva igihe watangiye kubabara ijosi?

Wahamagara kuri numero zikurikira ugahabwa ubusobanuro bw'uko wagera kuri Muganga wagufasha ku burwayi bwawe bwakurembeje.

**AS: 0786526301 AU: 0783055606 EB: 0788653856**